

## **Inama zo kuba mw'ITUZE MU BIHE BY'AMATORA**

*Amatora y'igihugu ya Perezida wa Lera zunze Ubumwe za Amerika aba buri myaka 4, kuwa Kabiri wa mbere w'Ukwezi kw'Ugushyingo. Muri iki gibe, abantu bashobora gutinda ku mpunzi n'ibigo bituza impunzi. Dore inama nke n'amabviriza byagufasha mubyo ushobora gubura nabyo muri Leta zunze ubumwe za Amerika. Niba hari ibyo nibaza, vugana n'ikigo gishinzwe kugutuza.*

- Niba umuntu ashaka kugukoresha ibazwa, ufite uburenganzira bwo kwanga. Niba umuntu ashaka kugufata amashusho cyangwa amfoto, ufite uburenganzira bwo kwanga. Ushobora gusubiza nka "ntumfate ifoto (don't take my picture)" cyangwa "mpa amahoro (leave me alone)". Ushobora kwitwikira mu maso ukoreshje ukuboko kwawe. Ntiwiruke ndetse ntushake kurwanya uwo muntu, ariko birengagize maze wigendere. Niba wumva udatekanye, hamagara ubufasha
- Niba umuntu aguhamagaye kuri terefoni agutera ubwoba, ntumusubize. Andika iyo nomero ya terefoni, ibyo uwo muntu yavuze, niba yari umugabo cyangwa umugore, amajwi avugira inyuma y'aho ari n'andi makuru ashoboka. Maze ukupe terefoni. Bibwire ushinzwe dosiye yawe ku bijyanye na terefoni yaguhamagaye maze ubereke ibyo wanditse. Bazagufasha kurega iyi terefoni yaguhamagaye ku bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko.
- Niba umuntu agutoteje mu butumwa bugufi cyangwa ku mbuga nkoranyambaga, ntumusubize. Bika ubwo butumwa bugufi cyangwa ubutumwa bwo kuri murandasi. Vugana n'ushinzwe dosiye yawe ku kuntu waregera ubwo butumwa ku bayobozi.
- Ntuzangire amakuru yawe bwite n'umuntu uwo ariwe wese utazi. Niba umuntu aguhamagaye kuri terefoni cyangwa akwandikiye imeri agusaba amakuru nka nomero yawe y'ubwiteganyirize, itariki y'amavuko, cyangwa nomero ya konti ya banki, ntumuhe ayo makuru! Niba uwo akubwiye ko uzasubizwa iwanyu cyangwa uzafungwa niba utabahaye ayo makuru, menya ko ubwo ari uburiganya (imitwe)! Niba utizeye neza ikintu, vugana n'ushinzwe dosiye yawe mbere yo kugira icyo ukora.
- Kora ibishoboka terefoni yawe, umwirondoro wa imeri, na konti zo kuri murandasi (nka konti za banki) zihora ijambobanga rikomeye.
- Itondere ibikuzengurutse. Ntugende wenyine nijoro kandi gerageza mugende muri babiri cyangwa mu matsinda. Niba ubonye ikintu cyangwa umuntu uketse hafi yawe, bibwire umuntu. Niba uri mu kaga ako kanya, hamagara 911.
- Mu rugo, zirikana gufunga inzugi zizya hanze n'amadirishya. Ntiwinjize abantu utazi mu rugo rwave. Shyiraho rido ku madirishya kandi ufunge amarido y'ijoro mw'ijoro. Niba utwara imodoka, kora ibishoboka ufunge imiryango y'imodoka n'amadirishya.
- Gerageza guhindura gahunda zawe n'akamenyero ugira. Niba ushaka gutembera n'amaguru hafi y'aho utuye, gerageza utembere mu bihe n'iminsi bitandukanye.

*Dushimiye Iburiro ny'ITUZE n'Umutekano mu Gutuza Impunzi*